



IBYO PAPA YIFUZA KO DUSABIRA MU MWAKA WA 2026

MUTARAMA

Kugira ngo Isengesho riherekezwe n'Ijambo ry'Imana

Dusabe kugira ngo isengesho rishingiye ku Ijambo ry'Imana ridutungire ubuzima kandi ritubere isoko y'amizero mu miryango yacu, ridufasha kubaka Kiliziya iharanira ubuvandimwe n'iyogezabutumwa.

GASHYANTARE

Gusabira abana banduye indwara zidakira.

Dusabe kugira ngo abana banduye indwara zidakira hamwe n'imiryango yabo bahabwe ubuvuzi no kwitabwaho bakeneye, ntibatakaze imbaraga n'amizero.

WERURWE

Gusaba ngo intwaro zishyirwe hasi, haboneke amahoro

Dusabe kugira ngo ibihugu byinshi bifate inshingano yo gushyira intwaro hasi, cyane cyane intwaro za kirimbuzi, kandi abayobozi b'iyi si bahitemo inzira y'ibiganiro na dipolomasi aho guhitamo intambara.

MATA

Gusabira abapadiri bari mu bigeragezo.

Dusabire abapadiri bahura n'ibigeragezo mu muhamagaro wabo, kugira ngo babone ubufasha bakeneye kandi imiryango babarizwamo ibashyigikize isengesho no kubumva.

GICURASI

Gusaba kugira ngo abantu bose babone ibibatunga

Dusabe kugira ngo abantu bose, kuva ku bacuruzi bakomeye kugeza ku baguzi boroheje, biyemeze kwirinda gusesagura ibiribwa kandi buri muntu abone ibiribwa byujuje ubuziranenge.

KAMENA

Gusabira indangagaciro za siporo.

Dusabe kugira ngo siporo ibe igikoresho cy'amahoro, gusabana no kuganira hagati y'imico n'ibihugu, inadufashe guteza imbere indangagaciro nko kubahana, ubufatanye no kwiteza imbere.

NYAKANGA

Gusaba ngo ubuzima bw'ikiremwa muntu bwubahwe.

Dusabe kugira ngo ubuzima bwa muntu bwubahwe ku nzego zose kandi burindwe mu byiciro byabwo byose, hazirikanwa ko ari impano y'Imana.

KANAMA

Gusabira iyogezabutumwa mu mijyi.

Dusabe kugira ngo mu mijyi minini, ikunze kurangwamo ababayeho ku buryo butazwi ndetse n'abari mu bwigunge, hashobore kuboneka uburyo bushya bwo kwamamaza Ivanjili, hashakishwa inzira zidasanzwe zo kubaka umuryango.

NZERI

Gusabira ibungabungwa ry'amazi.

Dusabe kugira ngo amazi abungabungwe neza ku buryo burambye, yo soko y'ubuzima kuri twe, abantu bose bayagireho uruhare mu buryo bungana.

UKWAKIRA

Gusabira ikenurabusho ry'ubuzima bwo mu mutwe.

Dusabe kugira ngo ikenurabushyo ry'ubuzima bwo mu mutwe rikwire hose muri Kiliziya, rifashe gutsinda ugusuzugura n'ivangura rikorerwa abantu bafite ubumuga bwo mu mutwe.

UGUSHYINGO

Gusabira ikoreshwa ryiza ry'ubukungu.

Dusabe kugira ngo ubukungu bukoreshwe neza, hirindwe igishuko cyo kwikunda, kandi burigihe haharanirwe inyungu rusange no gufatanya n'abadafite amikoro.

UKUBOZA

Gusabira imiryango irimo umubyeyi umwe.

Dusabire imiryango ibuze umwe mu babyeyi, kugira ngo ibonere muri Kiliziya ubufasha no guherekezwa, kandi ngo mu bihe bikomeye babone imbaraga n'ukwemera.

Papa Faransisiko

Vatikani, 31 Ukuboza 2024

Umwimereri : Igitaliyani